0138

P103/138A

K0141086

IDENTIFICATION	: 0138
DUREE	: 60 minutes
QUALITE	: Bonne
TRANSMISSION	: RTLM C1/K95. 23-11-93.
NOM	: MUHORAKEYE
DATE DE TRANSCRIPTION	: 31/5/1999
NOM DU FICHIER	: 0138
DICTAPHONE	: Expresse Writer Model B0-760/47

ICTR-99-52-T
PROS. EXH P103/138A
TENDERED 20.3.2002
PW 43 RUZINDANA

FACE A 0.0

(Inaudible) zagiranaga na FPR, twohereje rero abayoboke bacu HABIMANA Kantano na Philippe MBILIZI kureba perezida wa MRND ngo atubwire icyo atekereza kuri ririya tangazo rya Ministre w'intebe UWILINGIYIMANA Agatha. Nagirango rero muri uyu mwanya mwumve mu kinyarwanda nimumara kwumva mu kinyarwanda murumva no mugifaransa icyo perezida wa MRND NGIRUMPATSE Matayo atekereza kubyatangajwe na ministre w'intebe Madame UWILINGIYIMANA Agatha.

ORATEUR : HABIMANA KANTANO

Eeeh Nyakwubahwa perezida wa MRND, ministre w'intebe Madame UWILINGIYIMANA Agatha amaze kuvuga ijambo nonaha nagirango mubwire abumva radiyo RTLM icyo mubitekerezaho. 0.9

ORATEUR : NGIRUMPATSE Mathieu

Nibyo koko iryo jambo naryumvise. Hari ibyemezo mu byemezo bafashe baramutse babikoze noneho hari ibyemezo byaba byo. Gusa gusaba ingabo z'igihugu guhora zicecetse, guverinoma itakoze ibyigomba gukora kubyerekeye umutekano, jye numva ari ugukabya. Ingabo z'igihugu zibereyeho kurinda umutekano n'ubuzima bw'abaturage, birumvikana rero ko iyo hapfuye abantu bangana kuriya muri perefegitura ya Ruhengeri ndetse no muri Byumba, birumvikana ko ingabo z'igihugu zibabara. Cyane cyane ko zo kugeza ubu zidakora ibyo bintu tubona kuva aho amasezerano yashiriweho umukono, zaritonze. Kubibazo rero cy'ubugizi bwanabi bwakunze kurangwa muri kariya karere eeeh bavugako katakirangwamwo ibikorwa by'intambara, twebwe dusanga ubutegetsi bwarabigezemwo uruhare rukomeye kuko rutabyitayeho. MRND nkuko twabivuze kw'itariki ya 18, yabonanye muri uku kwezi kwa 11, yabonanye na ministre w'intebe gatatu kose, imugezaho icyo kibazo ariko kugeza ubu ntabwo twabonye ibikorwa bigaragara byatuma twizera. Twanamusabye kujyayo agahumuriza abaturage, ariko icyo gihe twabonye ajya ikinihira, naho kandi amagambo ahari yagavugiwe, ntabwo yaremye abaturage umutima cyane, cyangwa se ngo atere inkunga abategetsi bo muri ako gace. Eeeh kandi rero twari twamubwiyeko abo bantu FPR ibahiga, ibyo bintu byaragaragaye kandi birazwi, niyo tuvugana, abantu baracyicwa, imirambo bakayijyana kugirango bitamenyekana, ndetse nkamwe babanyamakuru mukurikiranire hafi, eeh abantu baratubwirako hari abantu batangiye guhunga bakaba

baje iya kinama. Icyo kibazo rero kirakomeye, ntabwo nagira icyo nkigusubizaho nonaha, kirakomeye kuburyo politike biro bopitike ya MRND, igomba kucyiga byihutirwa, ubwo ikazagira icyo ibivugaho. Icyo tubona aha tunenga guverinoma cyane cyane, muri icyo kibazo ahari bikaba byanatumye ingabo z'igihugu zihagarika iriya mishyikirano. Abanyarwanda bose baribuka uko ba bantu 13 batumye FPR ihaguruka kandi baracyariho, guverinoma igakangarana, igahagarika akazi, yongera guhumeka ari uko abo bantu bagejejwe ku Mulindi. FPR nayo yari yavuzeko itazongera gushikirana na guverinoma y'u Rwanda, niba guverinoma itayigejejeho abo bantu. Ntabwo rero twacyaha abanyarwanda, na bo bumva hapfuye abantu bangana kwakundi nabo bumva baba bahagaritse kugeza igihe bazabonera ibisobanuro kuri icyo kibazo. Ntabwo rero guverinoma ibereyeho kujya ireka abanyarwanda bo mugice cyo hino bagapfa, bapfa hanyuma ngo abantu nibafatwa gusa kuko ari aba FPR, ije ikangarana, FPR nihagarika imishyikirano guverinoma yemere, eeh tukaba rero dusanga atari buryo bwiza bwo gutuma amasezerano y'Arusha ashirwa mu bikorwa. Muri MRND twavuzeko ayo masezerano dushaka ko akurikizwa, kandi agakurikizwa uko ari. Ntabwo rero tubigarukaho, ntagitekerezo nabusa dufite cyo kwica amasezerano. Birababaje rero kubona hari abantu bayica aho kugirango guverinoma ishakishe

6.0

6.0 - 31.8 (Cette partie est vide)

FACE B 25.8

ORATEUR : Non identifié

Natwe tukaba twumvako kuza [inaudible]

ORATEUR GAHIGI Gaspard, Journaliste de la RTLM

Ku bwawe rero uwo mugore yagonzwe ate ? Tubwire wari uhari, uwo mugore yagonzwe ate ? Icyo uvuguruje, yavuze ngo ni ukugirango abone amafaranga, yogonzwe ate kugirango twumve koko yaba yaravuze kugirango abone amafaranga. Wari uhari ?

26.0

ORATEUR : Non identifié

Eeeh mu by' ukuri nari mpari uriya mugore ajya kugongwa n'imodoka, urabona imodoka zari nyinshi agiye gusa nuwambukanya umuhanda, ubwo imodoka nibwo yahise imukubita, noneho ajya mu kirere agwa nko muri metero ebyiri uhereye aho imodoka yamukubitiye, nibwo uwamugonze yakomeje acana maremare ahita yiruka, ntabwo yigeze ahagarara.

26.4

ORATEUR :GAHIGI Gaspard

Ku bwawe ndagira ngo nkubaze, imvururu zatewe nuko abantu bavuye muri meetingi bishongoye ku mpunzi, cyangwa byatewe nuko bagonze uwo mugore ?
26.6

ORATEUR : Non identifié

Eh ahanini yenda abaturage bo barebaga bariya bantu bishongora kumpunzi bavugako bazabacyura, ishyaka ko ryatsinze, ariko icyaje kurakaza cyane kugirango imvururu zivuke zibe nyazo no hagonzwe noneho n'umuntu, bati bongeye kudusubiraho baratumenesheje, eeh mubigambo bagiye bavugako niyo Byumba yafatwa na Ruhengeri, none bashizeho nukubagongera umuntu, naho ikibazo c'imvururu cyavukiye.
27.0

ORATEUR : GAHIGI Gaspard

Ese ko wari uhari imvururu zabaye zite ?

ORATEUR : Non identifié

Eeh mu by' ukuri imvururu eeh hagati y'impande zombi eeh imvururu zo uko zari ziteye, abaturage bo bamwe bagiye guterura umuntu bamujyana kwa muganga, abandi bakumira imodoka zaari zisigaye inyuma batangira kuzitera amabuye, kuko zari.. Zari zifite na ma sifflets bambaye foulards z'ishyaka, bajyenda bazunguza amabendera impande n'impande, noneho abaturage bati iri shyaka ryatuvanye iwacu none ryongeye kuza no kutwicira umuntu, imuvururu zihita zivuka.
27.5

ORATEUR :gahigi Gaspard

Ubona harangiritse nk'imodoka zingana iki ? Hakomeretse abantu bangana iki ko wari uhari ?

ORATEUR : Non identifié

Mubyukuri koko eeh bateraga amabuye ibirahuri bikameneka imodoka zikajyenda, eeh izangiritse yenda izangiritse izamenaguye ibirahuri ni nke zigera kuri enye, eeh ahanini abakomeretse bo sinakubwira ngo naba naba, cyangwa ngo bameze gutya.
27.9

ORATEUR : GAHIGI Gaspard

Ku bwawe se iyo bavuzeko imvururu zatewe naba déplacés, cyangwa ko zatewe nabariya bari bavuye muri meetingi, uwakubwira nk'umucamanza, ikosa warishyira kuri nde ?
28.1

ORATEUR : Non identifié

Mubyukuri ikosa warishyira kubari bavuye muri meetingi, impamvu tubivuga cyane nuko bashaka urwitwazo rwo kugira ngo bahutaze ziriya mpunzi déplacés, bumveko ari abagome, bumveko ari abantu bakagarara, bumveko ari abantu batubaha n'ubutegetsi, wabone ibyabaye ibugarura muri iyi minsi ishize, eeh ku buryo bamaze bamaze imyaka n'imyaka, bariya banyakiyombe batarabo.... amezi n' amezi; hafi amezi abiri batabona ibiryo. Ariko nutwo babonye nyine bakatubona ari uburyo bwa caritas. Bikaba bibabaje. Na none urwo rukaba ari urwitwazo yenda ko iryo shyaka ryo rir hejuru mu mu rwego rw'ubutegetsi rimwe na rimwe mu... mu bireba ziriya mpunzi; bakumva bafatira ibyo byemezo nkibyo, na none ahubwo bakumva babafatira ibyo bihano bigaragara kuri ubwo burwo ati yenda tubumvishe
kuko dore na none ni bo bafite imigambi yo kugira ngo babimure hariya hashake ahandi babashyira ariko usange ibitekerezo byabo bimezeariko abaturage bakavuga bati "tuva hano wenda twava hano dutaha ariko se twava hano twongera guhungira mu yihe blindé ya hehe? 29.1

ORATEUR : GAHIGI Gaspard

Uti "twava hano dutaha", ubu mwe mu mpunzi, mwumva muzataha ryari ? 29.2

Uziko hari amasezerano y'Arusha twayasinye, ariko muri iyi minsi ukumva inkotanyi zirongeye ziteye aho babirukanye, kubwawe iyo utekereje wumva muzataha ryari ? Bizavugwa ryari, bizategekwa nande amasezerano ko ahari, mwumva nkubu iyo ushize agatima impembero ukitarama ukibaza wumva muzataha ryari ?
29.6

ORATEUR : Non identifié

Ibyo ni nk' inzozi ryose eeh ninzozi kuko gusubiza icyo kibazo kirakomeye. Iyo twibaza tukareba bariya ba déplacés bene wacu basubiye mu byabo mu Ruhengeri, ibyayo marorerwa yahabereye ejo bundi, wakwongera ukibaza ukareba ukuntu tubwirwa ibyangiritse cyangwa se batemera nk' abantu bagera muri ako karere urugero twatanga ni nko ee... nk' abakoraga mu ruganda rwo ku Mulindi niba OCIR yarasabye ngo yenda isubire hariya irebe ibyangiritse kugira ngo bizasanwe, bakabangira ubwo se noneho ni ibihe... ni ubuhe buryo yavuga ngo "nzataha igihe iki n'iki, ryari koko? eeh Ni inzozi. Ni inzozi ntabisubizo umuntu yabona bihamye yabitangaho, eeh cyane cyane iyo iyo bamwe bavuga bati ko aribo bafite ubushobozi abandi bakumvako gutaha kwabo aribo bazagiramwo uruhari, aribo bazatuma abantu basubira mu byabo, ibyo bintu usanga ari insobe, ntabwo byumvikana.

ORATEUR GAHIGI Gaspard

Ariko nkamwe b'impunzi, ibintu by'amashyaka mubifata mute? Iyo umuntu avuga ati " ndi MDR nzabasubiza mu byanyu." Uwundi ati " ndi MRND", undi ati " PSD"; mbese ukabona babakuranwaho aho ngaho, ku bwawe amashyaka yaza akubaza ati "ese [inaudible] Mwe mubona mute iyo amashyaka abasanze hariya?

ORATEUR : Non identifié

Eeeh ni agashinyaguro. Ni agashinyaguro karenze kuko iyo umuntu avuze ngo nzagusubiza mu byawe, eeh yenda iyaba mwahanganaga mukavugana gutya nkuko turebana, ukamubwira ati "ese yansubiza mu byanjye, eeh kuki navuyemwo, ubwo ni ukuvugako kuvamwo kwanjye wari ubizi. Wari uzi n' aho ngomba guhera. Ni ukuvugako no kunsubizayo uzansubizayo igihe ubishakiye. Ugasanga noneho ari agashinyaguro katoroshye, kaba murayo mashyaka bitwaza ko bafite ingufu, ingufu twabonaga zari ingufu zo kubaka igihugu yenda se bakatubwira bati "ishyaka rimwe ryari ririmwo, hari ibyo ritakoze neza; tugiye kuzuza cyangwa se tugiye... tuzakora ibi n' ibi". Ariko rero reba ahubwo ibyo bakora, eeh .../...

31.8